ITEKA RYA MINISITIRI N°001/08/10/MIN RYO KU WA 16/01/2008 RISHYIRAHO AMABWIRIZA AGENGA AMASOKO YA LETA N'IBITABO NGENDERWAHO BY'AMABWIRIZA AGENGA IPIGANWA

MINISTERIAL ORDER N°001/08/10/MIN OF 16/01/2008 ESTABLISHING REGULATIONS ON PUBLIC PROCUREMENT AND STANDARD BIDDING DOCUMENTS

ARRETE MINISTERIEL N° 001/08/10/MIN DU 16/01/2008 PORTANT REGLEMENTATION DES MARCHES PUBLICS ET DOSSIERS D'APPELS D'OFFRES TYPES

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: **Icyo iteka rigamije**

Ingingo ya 2: Igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko

Ingingo ya 3 : Itangazwa ry' igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko

Ingingo ya 4: Ishyirwaho, imiterere n'imikorere by'akanama gashinzwe gutanga amasoko

Ingingo ya 5: Abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko mu nzego zifite abakozi bake

Ingingo ya 6: Abatemerewe kujya mu kanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta

TABLE OF CONTENTS

Article One: Scope of this Order

Article 2: Public procurement planning

Article 3 : Publication of the procurement plan

Article 4: Appointment, nature and functioning of the tender committee

Article 5: Tender committees of procuring entities with few staff members

Article 6: Officials not allowed to be members of the tender committee

TABLE DES MATIERES

Article premier : Objet de l'arrêté

Article 2 : Planification de passation des marchés publics

Article 3 : Publication du plan de passation des marchés

Article 4 : Nomination, composition et organisation du comité de passation des marchés

Article 5 : La composition des comités de passation des marchés au sein des entités disposant d'un personnel très réduit

Article 6 : Agents publics ne pouvant pas faire partie du comité de passation des marchés publics

Ingingo ya 7: Inshingano z'akanama gashinzwe gutanga amasoko	**Article 7: Responsibilities of the tender committee**	**Article 7: Attributions du comité de passation des marchés**
Ingingo ya 8: Ifatwa ry'ibyemezo	**Article 8: Decision making**	**Article 8 : Prise de décision**
Ingingo 9 : Itangazwa ry'ibyavuye mu ipiganwa	**Article 9 : Publishing the result**	**Article 9 : Publication des résultats**
Ingingo ya 10 : Raporo	**Article 10 : Report**	**Article 10 : Rapport**
Ingingo ya 11 : Ibigenerwa abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko	**Article 11 : Allowances for the members of the tender committee**	**Article 11 : Jetons de présence aux membres du comité de passation des marchés**
Ingingo ya 12: Ikiguzi cy'igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa	**Article 12: Cost of the tender document**	**Article 12 : Coût du dossier d'appel d'offres**
Ingingo ya 13 : Gutangaza isoko	**Article 13 : Advertisement of tender**	**Article 13 : Publication du marché**
Ingingo ya 14: Amahirwe yisumbuyeho ku bo mu gihugu n'abo mu karere	**Article 14: Domestic and regional preference**	**Article 14 : Préférence locale et régionale**
Ingingo ya 15 : Gushyira mu byiciro kubera amahirwe yisumbuye	**Article 15: Categorization for preference**	**Article 15 : Catégorisation pour la préférence**
Ingingo ya 16 : Umubare ntarengwa utuma hakoreshwa ipiganwa rigenewe abantu bake	**Article 16 : Threshold for use of restricted tendering**	**Article 16 : Seuil pour l'utilisation de l'appel d'offres restreint**

Ingingo ya 17: Umubare ntarengwa utuma hakoreshwa uburyo bwo gusaba ibiciro	**Article 17: Threshold for use of request for quotations**	**Article 17 : Seuil pour l'utilisation de la méthode de sollicitation des prix**
Ingingo ya 18: Umubare ntarengwa utuma isoko ritangwa nta piganwa ribayeho	**Article 18: Threshold for not tendering**	**Article 18 : Seuil admis pour ne pas lancer l'appel d'offres**
Ingingo ya 19 : Uruhare rw'abaturage	**Article 19: Community participation**	**Article 19 : Participation communautaire**
Ingingo ya 20: Imitunganyirize yo gukoresha abaturage	**Article 20 : Organization of community participation**	**Article 20 : Organisation de la participation communautaire**
Ingingo ya 21 : Umubare w'amafaranga ntarengwa mu gukoresha abaturage	**Article 21 : Ceiling for using community participation**	**Article 21 : Seuil maximal pour user de la participation communautaire**
Ingingo ya 22: Gusesengura inyandiko z'ipiganwa ku masoko y'imirimo n'ayo kugemura.	**Article 22 : Evaluation of bids for goods and works**	**Article 22 : Evaluation des offres de marchés de fournitures et de travaux**
Ingingo 23 : Uwegurirwa isoko iyo abapiganwa banganyije	**Article 23 : Winner when bidders are at par**	**Article 23 : Choix de l'attributaire du marché en cas d'égalité des offres**
Ingingo ya 24 : Gusesengura inyandiko z'ipiganwa za tekiniki ku masoko ya serivisi	**Article 24: Evaluation of technical proposals for consultancy Services**	**Article 24 : Evaluation des propositions techniques pour les services de consultance**

Ingingo ya 25 : Uburyo bw'itangwa ry'amasoko ya serivisi hakoreshejwe amanota ya tekiniki n'ay'ibiciro	**Article 25 :Selection of Consultants using the quality cost based selection method**	**Article 25 : Sélection de consultants sur base de la méthode qualité - coût**
Ingingo ya 26: Kumenyesha by'agateganyo ibyavuye mu isesengura ry'isoko rya serivisi	**Article 26 : Provisional notification of the evaluation results for consultant services**	**Article 26 : Notification provisoire des résultats de l'évaluation des marchés de services de consultants**
Ingingo ya 27 : Ingano n'igihe cyo gutanga ingwate yo kurangiza isoko neza	**Article 27: Amount and period of submission of performance security**	**Article 27 : Montant et délai du dépôt de la garantie de bonne fin d'exécution**
Ingingo ya 28: Gusubiza amafaranga y'ingwate n'ay'igihano	**Article 28 : Refunding the deducted amount and penalty**	**Article 28 : Remboursement des retenue et pénalité**
Ingingo ya 29: Ingwate ku masoko ya servisi z'impuguke	**Article 29 : Guarantee for tenders of consultancy services**	**Article 29 : Garantie pour les marchés de services**
Ingingo ya 30: Igihe amasezerano aberaho	**Article 30: Existence of the contract**	**Article 30 : Existence du contrat**
Ingingo ya 31: Ihame n' ihinategeko byo gusubiramo ibiciro	**Article 31: Principle and formula of price Adjustment**	**Article 31 : Principe et formule de la révision des prix**
Ingingo ya 32: Ibisabwa mu gusubiramo ibiciro	**Article 32: Conditions for price Adjustment**	**Article 32 : Conditions de la révision des prix**
Ingingo ya 33 : Uburenganzira n'ibisabwa mu birebana no kureba inyandiko zerekeye isoko	**Article 33: Rights and conditions of accessibility of tender documents**	**Article 33 : Droits et conditions d'accès aux archives des marchés publics**

Ingingo ya 34: Amafaranga yo gutanga ikirego	**Article 34: Appeal fee**	**Article 34 : Des frais de recours**
Ingingo ya 35: Abagize utunama twigenga tw'ubujurire	**Article 35: Composition of Independent Review Panels**	**Article 35 : Composition des Comités Indépendants de Recours**
Ingingo ya 36: Kwakira ubujurire	**Article 36: Acceptance of the request for review**	**Article 36 : Recevabilité de recours**
Ingingo 37 : Ibyo inyandiko y'ubujurire ikwiye kugaragaza	**Article 37: Contents of the request for review**	**Article 37 : Contenu du recours**
Ingingo 38 : Inshingano z'umukozi uhoraho w'akanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'igihugu	**Article 38: Duties of the full time officer of the Independent Review Panel at the national level**	**Article 38 : Tâches de l'agent permanent du Comité Indépendant de Recours au niveau national**
Ingingo ya 39 : Kugena no kumenyesha umunsi wo gusuzuma ubujurire	**Article 39 : Fixing the date and the invitation for review**	**Article 39 : Fixation et communication de la date d'examen du recours**
Ingingo ya 40 : Itangwa ry'inyandiko zerekeye isoko	**Article 40 : Providing documents related to the tender**	**Article 40 : Remise des dossiers en rapport avec le marché**
Ingingo 41: Ifatwa ry'ibyemezo by'akanama k'ubujurire	**Article 41: Decision taking**	**Article 41 : Prise de décisions**
Ingingo 42: Igongana ry'inyungu mu bujurire	**Article 42: Conflict of interests**	**Article 42 : Conflit d'intérêts**
Ingingo ya 43: Gutangaza ibyemezo by'Akanama k'Ubujurire	**Article 43: Publication of the decisions of the Independent Review Panel**	**Article 43 : Publication des décisions des Comités Indépendants de Recours**

Ingingo ya 44: Raporo y'Akanama Kigenga k'Ubujurire	**Article 44: Independent Review Panel's Report**	**Article 44 : Rapport du Comité Indépendant de Recours**
Ingingo ya 45: Igenzurwa ry'utunama tw'ubujurire twigenga	**Article 45: Audit of the Independent Review Panels**	**Article 45 : Audit des Comités Indépendants de Recours**
Ingingo ya 46: Imigereka	**Article 46: Annexes**	**Article 46 : Annexes**
Ingingo ya 47 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iteka	**Article 47: Repealing of inconsistent provisions**	**Article 47 : Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 48 : Igihe iteka ritangira gukurikizwa	**Article 48: Commencement**	**Article 48: Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI N°…..……. RYO KU WA…….....RISHYIRAHO AMABWIRIZA AGENGA AMASOKO YA LETA N'IBITABO NGENDERWAHO BY'AMABWIRIZA AGENGA IPIGANWA	**MINISTERIAL ORDER N°.....OF..... ESTABLISHING REGULATIONS PUBLIC PROCUREMENT AND STANDARD BIDDING DOCUMENTS**	**ARRETE MINISTERIEL N° ……..DU……..POR TANT REGLEMENTATION DES MARCHES PUBLICS ET DOSSIERS D'APPELS D'OFFRES TYPES**
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;	**The Minister of Finance and Economic Planning:**	**Le Ministre des Finances et de la Planification Economique :**
Ashingiye ku Itegeko Nshinga ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'iya 201 ;	Pursuant to the Constitution of Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended up to date, especially in Articles 120 and 201;	Vu la Constitution du 04 juin 2003, telle que révisée jusqu'à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 201 ;
Ashingiye ku Itegeko Ngenga n◦ 37/2006 ryo kuwa 12/09/2006 ryerekeye imari n'umutungo wa Leta cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2 n'iya 20;	Pursuant to Organic Law n◦ 37/2006 of 12/09/2007 on State Finances and Property, especially in Articles 2 and 20;	Vu la loi organique n° 37/2006 du 12/09/2006 relative aux finances et au patrimoine de l'Etat, particulièrement en ses articles 2 et 20 ;
Ashingiye ku Itegeko n°12/2007 ryo ku wa 27/03/2007 rigenga Amasoko ya Leta cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5, 6, 22, 30, 41, 44, 52, 54, 58, 60, 61, 63, 64, 65, 70 n'iya 75;	Pursuant to Law n° 12/2007 of 27/03/2007 on Public Procurement, especially in Articles 6, 22, 30, 41, 44, 52, 54, 58, 60, 61, 63, 64, 65, 70 and 75;	Vu la loi n° 12/2007 du 27/03/2007 relative à la Passation des Marchés Publics particulièrement en ses articles 6, 22, 30, 41, 44, 52, 54, 58, 60, 61, 63, 64, 65, 70 et 75;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 13/12/2007 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet in its session of 13/12/2007;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 13/12/2007

ATEGETSE

Ingingo ya mbere: **Icyo iteka rigamije**

Iri teka rishyiraho amabwiriza agenga amasoko ya Leta n'ibitabo ngenderwaho by'amabwiriza agenga ipiganwa.

Ingingo ya 2: Igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko

Urwego rutanga amasoko rutegura umushinga w'igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko igihe rutegura ingengo y'imari.

Buri rwego rutanga amasoko rugomba kohereza Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amasoko ya Leta (RPPA) igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ry'umwaka rigaragaza ibyo rizageraho, bitarenze ku wa 31 Mutarama buri mwaka hagamijwe ibikurikira:

1º kumenya ibikenewe ;

2º kumenya ibikenewe cyane kurusha ibindi ;

3º kumenya niba ari ngombwa kubanza gukora inyigo ku masoko y'imirimo;

HEREBY ORDERS:

Article One: Scope of this Order

This Order establishes procurement regulations and standard bidding documents.

Article 2: Public procurement planning

A procuring entity shall prepare a provisional procurement plan during the period it is preparing the budget.

Every procuring entity shall transmit, not later than the 31st January of each year, to the Rwanda Public Procurement Authority (RPPA) an annual procurement plan with the following intentions:

1° identification of needs;

2° identification of priorities;

3° indication if it is necessary to carry out a prior study for tenders of Works;

ARRETE :

Article premier : Objet de l'arrêté

Le présent arrêté a pour objet la mise en place de la réglementation et des dossiers d'appels d'offres types.

Article 2 : Planification de passation des marchés publics

L'entité de passation des marchés doit préparer un plan prévisionnel de passation des marchés au moment de la préparation du budget.

Chaque entité de passation des marchés transmet, au plus tard le 31 janvier de chaque année, à l'Office National des Marchés Publics, un plan annuel aux fins des objectifs suivants :

1° identification des besoins ;

2° identification des priorités ;

3° indication sur la nécessité d'effectuer une étude préalable pour les marchés de Travaux ;

4º kumenya uburyo bukwiriye gukoreshwa mu gutanga isoko riteganyijwe;	4° identification of the method of tendering for the procurement planned;	4° indication de la méthode d'appel d'offres relative au marché planifié ;
5º kumenya ikigereranyo cy'agaciro k'isoko rigomba gutangwa;	5° estimation of the value of the tender to be awarded;	5° estimation de la valeur des marchés à attribuer ;
6º kumenya inkomoko y'amafaranga azakoreshwa kuri iryo soko ;	6° specification of the source of financing;	6° spécification de la source de financement ;
7º kumenya niba ari ngombwa ko hatangwa amahirwe yisumbuyeho ku bo mu karere turimo ku masoko mpuzamahanga ;	7° determination of local preference for international tenders if it will be required;	7° détermination de la préférence locale est requise pour les marchés internationaux si elle sera requise ;
8º kumenya niba hari icyemezo ntakemwa kizakenerwa mu mitangire y'isoko ;	8° specification of requirement of the non objection for the award of contract;	8° spécification de l'exigence éventuelle de la non objection pour l'attribution du marché ;
9º kugena igihe ibyiciro binyuranye byo gutanga isoko bizakorerwa ;	9° planning for the schedules in which different processes of tendering shall be carried out;	9° planification des périodes dans lesquelles doivent se faire différents processus d'appel d'offres ;
10º guteganya uko ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano rizakorwa.	10° planning for the execution schedules of the contract.	10° planification des échéances d'exécution de contrats.
Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amasoko ya Leta gitanga inyandiko ngenderwaho z'igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta.	The RPPA shall provide standard documents for Public Procurement planning.	L'Office National des Marchés Publics doit fournir le format standard de planification des marchés publics.

Ingingo ya 3 : Itangazwa ry' igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko

Bimwe mu bikubiye mu igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko birimo izina n'ingano by'isoko, uburyo bwo gutangaza isoko, ahazava amafaranga yo kurishyira mu bikorwa n'igihe rizatangarizwa bigomba kumenyeshwa rubanda.

Bishyirwa ku rubuga rwa Interineti rw'urwego rutanga isoko, ku rubuga rwa Interineti rwa RPPA no mu kinyamakuru nibura kimwe gisomwa n'abantu benshi ndetse bikamanikwa no ku biro by'urwo rwego rutanga isoko.

Article 3 : Publication of the procurement plan

Some of the elements of the procurement plan namely title and quantity of the tender, method of tendering, source of funding, expected publication and execution dates, shall be published.

This information shall be posted on the internet of the procuring entity, posted on the RPPA internet, advertised in at least one newspaper of wide readership and displayed on the procuring entity's notice board.

Article 3 : Publication du plan de passation des marchés

Certains éléments du plan de passation des marchés dont le titre, la taille du marché, la méthode d'appel d'offres, la source de financement, les dates prévues pour la publication et l'exécution doivent être publiés.

Ces informations doivent être affichées sur le site Internet de l'entité de passation de marchés ainsi que sur celui de RPPA. Elles doivent également être publiées au moins dans un journal de grande diffusion et affichées sur le tableau d'affichage de l'entité de passation des marchés.

Ingingo ya 4: Ishyirwaho, imiterere n'imikorere by'akanama gashinzwe gutanga amasoko

Umugenga w'igengo y'imari y'urwego rutanga isoko ashyiraho akanama gashinzwe gutanga amasoko mu gihe cy'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe. Abarenze kimwe cya kabiri (1/2) cy'abagize akanama ntibemerewe kuba muri manda ebyiri zikurikiranye.

Article 4: Appointment, nature and functioning of the tender committee

The chief budget manager of the public procurement entity shall appoint a tender committee for three years renewable only once. More than half (1/2) of the members shall not be allowed to be on the committee for two consecutive terms of office.

Article 4 : Nomination, composition et organisation du comité de passation des marchés

Le gestionnaire principal du budget de l'entité de passation des marchés nomme un comité de passation des marchés pour un mandat de trois ans renouvelable une seule fois. Plus de la moitié (1/2) du nombre des membres ne peuvent faire partie du même comité pendant deux mandats consécutifs.

Umuntu umaze igihe kingana na manda imwe atari mu kanama gashinzwe gutanga amasoko ashobora kongera kugashyirwamo.	After an interval of one term of office as a member of the tender committee, a member may again be appointed on the committee.	Dans l'intervalle d'un mandat, un agent peut être de nouveau désigné comme membre comité de passation des marchés.
Umugenga w'Ingengo y'Imari ashobora guhindura umwe mu bagize akanama cyangwa abakagize bose hari impamvu zumvikana**.**	The Chief Budget Manager may change one member or the entire committe if there are relevant reasons to do so.	Le gestionnaire principal du budget peut procéder au remplacement d'un ou de tout le comité s'il y des motifs suffisants.
Umukozi ushinzwe gutegura amasoko ahora mu kanama gashinzwe gutanga amasoko kandi akakabera umwanditsi. Iyo urwego rutanga isoko rufite abakozi bashinzwe amasoko barenze umwe, basimburana ku murimo w'ubwanditsi muri manda zinyuranye.	A procurement officer is a permanent member of the tender committee and acts as its secretary. When a procuring entity has a unit responsible for procurement composed of more than one procurement officers, they shall hold the post of a secretary in turns.	L'agent chargé des marchés publics est d'office membre permanent du comité de passation des marchés et en assure le secrétariat. Lorsque l'entité de passation des marchés a une unité de passation des marchés ayant plus d'un agent de passation des marchés, ces agents alternent à la fonction de secrétaire du comité à la fin de chaque mandat
Akanama gashinzwe gutanga amasoko kagizwe n'abantu batanu (5) cyangwa barindwi (7) bitewe n'imiterere y'Urwego rutanga isoko, habariwemo Perezida, Visi-Perezida n'Umwanditsi.	The tender committee shall be composed of five (5) or seven (7) persons depending on the nature of the procurement entity including the Chairperson, Vice-chairperson and the Secretary.	Selon la nature de l'entité de passation des marchés, le comité de passation des marchés doit être composé de cinq (5) ou sept (7) personnes dont le président, le vice-président et le secrétaire.

<u>Ingingo ya 5</u>: Abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko mu nzego zifite abakozi bake.	**<u>Article 5</u>: Tender committees of procuring entities with few staff members**	**<u>Article 5</u> : La composition des comités de passation des marchés au sein des entités disposant d'un personnel très réduit**
Iyo urwego rutanga isoko rufite abakozi batageze ku icumi (10), umubare w'abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko ushobora kugabanuka ariko ntujye munsi ya batatu (3) kandi abakozi bose bakemererwa kujya mu kanama gashinzwe gutanga amasoko uretse Umuyobozi w'urwego rutanga isoko.	When the procurement entity has a staff of less than ten (10) number of tender committee members may be reduced but not to less than three (3) and all members of staff shall be allowed on the tender committee except the head of procuring entity.	Lorsque l'entité de passation de marchés a un personnel dont l'effectif inférieur à dix (dix) personnes le nombre des membres du comité de passation des marchés peut être réduit mais pas en dessous de trois (3) personnes et les membres de l'effectif du personnel sont tous admis au comité de passation des marchés sauf le chef responsable de l'entité de passation des marchés.
Iyo urwego rutanga isoko rugizwe n'abakozi batatu cyangwa batageze kuri batatu, umuyobozi nawe yemerewe kujya mu kanama gashinzwe gutanga amasoko.	When the procuring entity is comprised of three or less than three persons, even the head shall be authorized to be a member of the tender committee.	Lorsque l'entité de passation des marchés a un effectif du personnel inférieur ou égal à trois, même le chef est autorisé d'être membre du comité de passation des marchés.
Iyo urwego rutanga isoko rufite ishami rishinzwe gutanga amasoko rigizwe n'abakozi barenze umwe, bamwe muri abo bakozi bashobora gushyirwa mu kanama gashinzwe amasoko ariko ntibagiremo ubwiganze.	When a procuring entity has a unit responsible for procurement composed of more than one person, some of them may be on the committee but should not form a majority.	Lorsque l'entité de passation des marchés a une unité chargée de la passation des marchés composée de plus d'un agent, , certains d'entre eux peuvent être membres du comité de passation des marchés, mais ils elles ne doivent pas en constituer la majorité.

Ingingo ya 6: Abatemerewe kujya mu kanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta	**Article 6: Officials not allowed to be members of the tender committee**	**Article 6 : Agents publics ne pouvant pas faire partie du comité de passation des marchés publics**
Aba bakurikira ntibemerewe kujya mu kanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta :	The following officials shall not be allowed to be members of the tender committee:	Les agents publics ci-après ne sont pas admis comme membres du comité de passation des marchés :
1º Umuyobozi mukuru ushinzwe gufata ibyemezo mu rwego rutanga isoko ;	1° The head of a public body ;	1° Le chef responsable d'une institution publique ;
2º Abagize komite nyobozi z'uturere n'Umujyi wa Kigali;	2° The members of the Districts and Kigali City Councils ;	2° Les membres des comités exécutifs au niveau des districts et de la Ville de Kigali ;
3º Umugenga w'ingengo y'imari mu rwego rutanga isoko;	3° The chief budget manager;	3° Le Gestionnaire principal du budget ;
4º Umuyobozi w'Ishami rishinzwe imari;	4° The head of finance Unit;	4° Le Directeur de l'unité chargé des finances ;
5º Umugenzuzi w'imari;	5° The internal auditor;	5° L'Auditeur interne ;
6º Umukozi ufite inshingano zo kunganira no kugira inama urwego rutanga isoko mu byerekeye amategeko;	6°The legal advisor;	6° Le Conseiller juridique ;
7º Umukozi ushinzwe gucunga ibikoresho.	7° The officer in charge of logistics.	7° L'Agent chargé de la logistique ;

Ingingo ya 7: Inshingano z'akanama gashinzwe gutanga amasoko

Akanama gashinzwe gutanga amasoko gashinzwe gufungura, gusesengura inyandiko z'ipiganwa no gutanga umwanzuro w'itangwa ry'isoko.

Akanama gashinzwe gutanga amasoko gashobora kwiyambaza impuguke. Uko byagenda kose iyo mpuguke ntigomba kuba ifite inyungu iyo ariyo yose haba mu buryo butaziguye cyangwa buziguye muri iryo soko, cyangwa kuba ifitanye isano n'abapiganywe mu gihe yiyambajwe inyandiko z'ipiganwa zaramaze gufungurwa.

Ingingo ya 8: Ifatwa ry'ibyemezo

Imyanzuro y'abagize akanama gashinzwe gutanga masoko ifatwa ari uko byibubuze hari bitatu bya gatanu (3/5) by'abakagize. Impuguke yatumijwe ntigira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo.

Akanama gashinzwe gutanga amasoko kagomba gukora raporo y'ifungurwa

Article 7: Responsibilities of the tender committee

The tender committee shall be in charge of the opening and evaluation of bids as well as making the recommendation for the award of a procurement contracts.

The tender committee may seek the assistance from consultants. However, the consultant shall not have any interest directly or indirectly in the tender concerned or have any relationship with bidders if his/her services were sought after the bids had been opened.

Article 8: Decision making

The resolutions of the tender committee shall be valid when at least three fifths (3/5) members of the committee are present for the purpose. The consultant invited shall not participate in taking decisions.

The tender committee shall make a bids opening report immediately after their

Article 7: Attributions du comité de passation des marchés

Le comité de passation des marchés est chargé de l'ouverture et de l'évaluation des offres, ainsi que de la formulation des recommandations d'attribution de marchés.

Le comité de passation des marchés peut demander assistance des consultants. Néanmoins, le consultant ne doit avoir aucun intérêt directement ou indirectement au marché concerné ou avoir une relation quelconque avec les soumissionnaires si ses services étaient demandés après l'ouverture des offres.

Article 8 : Prise de décision

Les résolutions du comité ne peuvent être valides que si les trois cinquième (3/5) des membres du comité sont présents. Le consultant invité ne participe pas à la prise de décisions.

Immédiatement après l'ouverture des offres, le comité de passation des marchés

ry’amabahasha y’abapiganwe akimara gufungurwa. Kagomba kandi gukora raporo y’isesengura ikubiyemo ibyabonywe mu isesengura n’igereranya ry’inyandiko z’ipiganwa, igashyirwaho umukono n’abitabiriye isesengura bose.

opening. It shall also make a brief report on the bid evaluation comprising the evaluation process and comparison of bids and it shall be signed by all the evalaution committee members present.

doit dresser un rapport d’ouverture. Il devra en outre dresser un bref rapport d’évaluation comprenant le processus d’évaluation et la comparaison des offres. Le rapport doit être signé par tous les membres de la commission ayant pris part à l’évaluation.

Perezida w’akanama kavugwa muri iri teka niwe uhuza ibikorwa bijyanye n’isesengura ry’inyandiko z’ipiganwa mu buryo butabogamye kandi mu mucyo. Abagize akanama gashinzwe gutanga masoko bagize uruhare mu ifatwa ry’ibyemezo mu isesengura ni bo birengera muri rusange ingaruka z’ibyemezo byafashwe n’ako kanama.

The chairperson of the tender committee stipulated in this Order shall coordinate the whole process of the evaluation of bids and shall be required to act in an impartial and transparent manner. Members of the tender committee taking decisions in relation to the evaluation of bids shall be generally responsible for the consequences that may arise from the decisions taken by the committee.

Le président du comité de passation des marchés prévu par cet arrêté assure la coordination de tout le processus de l’évaluation des offres dans l’impartialité et la transparence. Les membres du comité qui participent à la prise des décisions relatives à l’évaluation des offres sont en général responsables des conséquences qui peuvent résulter des décisions prises par le comité.

Isesengura ry’inyandiko z’ipiganwa rigomba kuba ryarangiye mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri n’umwe (21) ikurikirana uhereye igihe inyandiko z’ipiganwa zifunguriwe uretse mu gihe hari impamvu zumvikana zigaragazwa n’Urwego rutanga isoko kandi abapiganwe bakabimenyeshwa.

The evaluation of bids shall be done within a period not exceeding twenty one (21) calendar days from the date of the opening of bids except when there are clear reasons indicated by the procuring entity and the bidders must be notified.

L’évaluation des offres est effectuée dans une période ne dépassant pas vingt et un jours calendrier à compter de la date de l’ouverture des offres sauf lorsque l’entité de passation des marchés a des raisons justifiées. Ces dernières doivent être notifiées à tous les soumissionnaires.

Ingingo 9 : Itangazwa ry'ibyavuye mu ipiganwa

Urwego rutanga isoko rumenyesha rubanda ibyavuye mu ipiganwa, amasezerano akimara gushyirwaho umukono n'impande zombi. Rutangaza nibura ibi bikurikira: uwatsindiye isoko, igiciro yaritsindiyeho n'igihe azakoramo iryo soko. Bishyirwa ku rubuga rwa Interineti rw'urwego rutanga isoko, ku rubuga rwa Interineti rwa RPPA ndetse bikamanikwa no ku biro by'urwo rwego.

Article 9 : Publishing the result

The procuring entity shall publish the results of the tender as soon as the contract is signed. The results so published shall include at least the following: winner of the tender, amount of the tender awarded and duration of the contract. The results shall be posted on the internet of the procuring entity, posted on the RPPA internet, and displayed on the procuring entity's notice board.

Article 9 : Publication des résultats

L'entité de passation des marchés publie les résultats de l'attribution du marché, directement après la signature du contrat par les deux parties. Elle publie au moins l'attributaire, le montant et le délai d'exécution du marché.
Ces informations doivent être affichées sur le site Internet de l'entité de passation de marchés ainsi que sur celui de l'Office National des Marchés Publics. Elles doivent également être affichées sur le tableau d'affichage de l'entité de passation des marchés.

Ingingo ya 10 : Raporo

Buri rwego rwa Leta rutanga amasoko ruha raporo "RPPA" buri kwezi. Iyo raporo igaragaza uburyo igenamigambi ry'amasoko ririmo gushyirwa mu bikorwa.

Article 10 : Report

Every procuring entity shall give a monthly report to the RPPA showing how the procurement plan is being implemented.

Article 10 : Rapport

Chaque entité de passation des marchés donne un rapport détaillé mensuel au « RPPA ». Ce rapport doit indiquer l'état d'avancement de l'exécution du plan de passation des marchés.

Ingingo ya 11 : Ibigenerwa abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko

Buri umwe mu bagize akanama gashinzwe gutanga amasoko agenerwa

Article 11 : Allowances for the members of the tender committee

Members of the tender committe shall be entitled to a monthly allowance as shown

Article 11 : Jetons de présence alloués aux membres du comité de passation des marchés

Les membres du comité de passation des marchés bénéficient d'une prime

agahimbazamusyi buri kwezi ku buryo bukurikira:

1º ku nzego zitanga amasoko atarenze mirongo itanu (50) mu mu mwaka, agenerwa ibihumbi makumyabiri na bitanu (25 000FRW);
2º ku nzego zitanga amasoko mirongo itanu na rimwe (51) kugeza kuri mirongo inani (80) mu mwaka, agenerwa amafaranga ibihumbi mirongo itatu na bitanu (35 000FRW);
3º ku nzego zitanga amasoko 81 kugeza ku ijana (100) mu mwaka agenerwa amafaranga ibihumi mirongo ine na bitanu (45 000FRW);
4º ku nzego zitanga amasoko ari hejuru y'ijana (100) mu mwaka bakagenrwa ibihumbi mirongo itanu (50 000FRW)

Umubare uherwaho ni uw'amasoko yatanzwe mu mwaka ukurikirwa n'utangwamo amasoko atangirwa agahimbazamusyi kandi amasoko abarwa ni ayasesenguwe agatangirwa umwanzuro kandi yatangajwe hakorehejwe uburyo bw'ipiganwa risesuye, ipiganwa rigenewe abapiganwa bake cyangwa ipiganwa rikozwe mu byiciro bibiri.

below:

1º for procuring entities which award below fifty (50) tenders a year, each member shall be entitled to twenty five thousand francs (Rwf 25 000);
2º for procuring entitities which award from fifty one (51) to eighty (80) tenders, each member shall be entitled to thirty five thousand francs (Rwf 35 000);

3º for procuring entities which award from eighty one (81) to one hundred (100) tenders, each member shall be entitled to forty five thousand francs (Rwf 45 000);
4º for procuring entities which award over one hundred (100) tenders each member shall be entitled to fifty thousand francs (Rwf 50 000).

The number of tenders used for the purposes of this Article is that for the tenders awarded in the year precceding the one for which the tenders awarded are the subject of the allowances and whose method of tendering was open competitive tendering, restricted tendering or two stage tendering.

mensuelle fixée de la manière suivante :

1º pour les entités qui ne passent pas plus de 50 marchés par an, le membre du comité bénéficie d'une prime de vingt cinq mille francs (25 000 FRW) ;
2º pour les entités qui passent de 51 à 80 marchés par an, le membre du comité bénéficie d'une prime de trente cinq mille francs (35 000 FRW) ;

3º pour les entités qui passent de 81 à 100 marchés par an, le membre du comité bénéficie d'une prime de quarante cinq mille francs (45 000 FRW) ;
4º pour les entités qui passent au-delà de 100 marchés par an, le membre du comité bénéficie une prime de cinquante mille francs (50 000 FRW).

Le nombre des marchés à prendre en compte à cet effet est celui des marchés passés par la méthode d'appel d'offres ouvert, l'appel d'offres restreint ou l'appel d'offres en deux étapes et dont les tâches d'évaluation ont été effectivement accomplies au cours de l'année précédant l'exercice pour lequel la primée est due.

Ingingo ya 12: Ikiguzi cy'igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa

Urwego rutanga isoko rushobora kugurisha ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa. Ikiguzi cy'igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa kigomba kuba kingana gusa n'amafaranga yatanzwe cyangwa agomba gutangwa mu kugitunganya, kugikoramo kopi nyinshi no kucyoherereza upiganwa.

Igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa kigurishwa amafaranga y'u Rwanda atarenze ijana (100 FRW) kuri buri paji.

Kuri icyo giciro, hiyongeraho amafaranga yo gufotoza ibishushanyo (plans) iyo ari isoko ry'imirimo n'ayo kucyoherereza upiganwa iyo ari ngombwa.

Article 12: Cost of the tender document

The procuring entity may charge a fee for the tender document. The fee of the tender document shall only be equivalent to the cost for preparing, photocopying and binding it.

The fee for a tender document shall be an amoumt not exceeding one hundred Rwandan francs (Rwf 100) per page

There will be an additional fee for photocopying drawings and sending it the tender document to the bidder if it is necessary.

Article 12 : Coût du dossier d'appel d'offres

L'entité de passation des marchés peut exiger l'achat du dossier d'appel d'offres. Les frais y relatifs doivent correspondre aux dépenses faites pour les photocopies, la reliure et l'expédition du dossier d'appel d'offres.

Le coût du dossier d'appel d'offres ne devra pas être supérieur à cent francs rwandais (100 FRW) par page.

A ce coût s'ajoutent les frais de reproduction des plans, en cas des marchés de travaux ainsi que les frais d'expédition du Dossier d'appel d'offres si nécessaire.

Ingingo ya 13 : Gutangaza isoko

Iyo agaciro k'isoko ry'ibigemurwa, imirimo cyangwa serivisi bipiganirwa karenze amafaranga miliyoni imwe y'u Rwanda, Urwego rutanga isoko rutanga itangazo rihamagarira ipiganwa nibura mu kinyamakuru kimwe gisomwa n'abantu benshi no ku rubuga rwa enterineti iyo ruhari.

Article 13 : Advertisement of tender

If the estimated bid price of supplies, works or services is above one million Rwanda francs, the procuring entity shall advertise the tender in at least one newspaper of wide circulation and on internet website, where it is available.

Article 13 : Publication du marché

- P_1 = umubare w'amafaranga agabanywa cyangwa yongerwa ku yagomba kwishyurwa uwegukanye isoko.
- P_0 = igiciro kiri mu masezerano (igiciro fatizo).
- a = umubare w'amafaranga udahinduka ugizwe n'ibiciro bidahinduka n'inyungu by'uwegukanye isoko ugomba kuba hagati ya 5% na 15%, uba warashyizwe mu masezerano.
- b = ikigereranyo cy'ijanisha ry'ikiguzi cy'abakozi mu masezerano.

accordance with the formula:

$P_1 = P_0 [a + bL_{1/} L_0 + cM_{1/} M_0] - P_0$

a+b+c = 1 in which:

- P_1 = adjustment amount payable to the Supplier.
- P_0 = Contract Price (base price).
- a = fixed element representing profits and overheads included in the Contract Price and generally in the range of five (5) to fifteen (15) percent.
- b = estimated percentage of labour component in the Contract Price.

des matériaux relatifs au marché en cours en appliquant la formule suivante :

$P_1=P_0 (a+bL1/L_0+cM_1/M_0)-P_0$

où a+b+c=1

- P_1 = Ajustement du montant payable au titulaire du marché.
- P_0= Coût du contrat (prix de base)
- a= Nombre fixe représentant les prix fixes et le bénéfice dans l'ordre de cinq à quinze pour cent (5% à 15%).
- b= pourcentage estimé relatif à la composante de main d'oeuvre dans le coût du marché

c = ikigereranyo cy'ijanisha ry'ikiguzi cy'ibikoresho mu masezerano.	c = estimated percentage of material component in the Contract Price.	c= pourcentage estimé relatif à la composante- matériel prévu dans le contrat.
L_0, L_1 = imibare yerekana ihinduka ry'ikiguzi cy'abakozi ku itariki y'ifatizo no ku itariki y'ihindurwa ry'ibiciro	L_0, L_1 = labour indices applicable to the appropriate industry in the country of origin on the base date and date for adjustment, respectively.	L_0 et L_1 = les indices de main d'œuvre applicables dans le pays d'origine à la date de base et à la date d'ajustement des prix respectivement.
M_0, M_1 = imibare yerekana ihinduka ry'ikiguzi cy'ibikoresho bikoreshwa cyane muri iryo soko, ku itariki y'ifatizo no ku itariki y'ihindurwa ry'ibiciro mu gihugu biturukamo.	M_0, M_1 = material indices for the major raw material on the base date and date for adjustment, respectively, in the country of origin.	M_0 et M_1 = les indices de matériels bruts importants respectivement relatifs à la date de base et à la date d'ajustement des prix dans le pays d'origine.
Imibare a, b, na c ishyirwaho n'urwego rutanga isoko iteye itya:	The coefficients a, b, and c as specified by the Procuring entity are as follows:	Les coefficients a, b et c sont fixés par l'entité de passation des marchés comme suit :
a = [shyiramo umubare] b= [shyiramo umubare] c= [shyiramo umubare]	a = [insert value of coefficient] b= [insert value of coefficient] c= [insert value of coefficient]	a= [insérer la valeur du coefficient] b= [insérer la valeur du coefficient] c= [insérer la valeur du coefficient]
Upiganwa agomba kugaragaza aho yakuye imibare yazagenderwaho mu ihinduka ry'ibiciro n'itariki fatizo mu nyandiko ye y'ipiganwa.	The Bidder shall indicate the source of the indices and the base date indices in its bid.	Le soumissionnaire doit indiquer la source des indices de la date de base dans son offre.

Itariki fatizo= iminsi mirongo itatu (30) mbere y'itariki yo gufungura amabahasha arimo inyandiko z'ipiganwa.	Base date = thirty (30) days prior to the deadline for submission of the bids.	Date de base = trente (30) jours avant la date limite de soumission des offres.
Itariki yo guhindura ibiciro = [shyiramo umubare w'ibyumweru] ibyumweru bibanziriza itariki ibicuruzwa bivira aho byaguzwe (itariki yo hagati y'igihe ibicuruzwa bikorerwamo).	Date of adjustment = [insert number of weeks] weeks prior to date of shipment (representing the mid-point of the period of manufacture).	Date d'ajustement = [insérer le nombre de semaines] semaines avant la date d'embarquement (représentant la mi-période de fabrication).

<u>Ingingo ya 32</u>: Ibisabwa mu gusubiramo ibiciro	**<u>Article 32</u>: Conditions for price adjustment**	**<u>Article 32</u> : Conditions de la révision des prix**
Gusaba guhindura ibiciro bishobora gukorwa na rumwe mu mpande zashyize umukono ku masezerano hitawe kuri ibi bikurikira:	The above price adjustment formula shall be invoked by either party subject to the following further conditions:	Sous réserve des conditions suivantes, la formule d'ajustement des prix ci-dessus est invoquée par les deux parties.
(a) Nta hindurwa ry'ibiciro ribaho nyuma y'itariki yari iteganyijwe mu masezerano yo kurangiza isoko cyeretse iyo byavuzwe mu ibaruwa yongerera uwegukanye isoko igihe cyo kurirangiza. Nta na rimwe ihindura ry'ibiciro ryemerwa bitewe n'impamvu z'ubukererwe zaturutse ku wegukanye isoko.	(a) No price adjustment shall be allowed beyond the original delivery dates unless specifically stated in the extension letter. As a rule, no price adjustment shall be allowed for periods of delay for which the Supplier is entirely responsible.	(a) Aucun ajustement des prix n'est permis au delà des dates de livraison à moins que cela ne soit spécifiquement établi dans la lettre de prolongation du délai. Comme règle générale, aucun ajustement des prix n'est autorisé dans les périodes de retard dont le fournisseur est totalement responsable.

Nyamara urwego rutanga isoko rwo rwemererwa buri gihe igabanywa ry'ibiciro riteganywa muri iyi ngingo.

The Procuring entity will, however, be entitled to any decrease in the prices of the Goods and Services subject to adjustment.

Toutefois, l'entité de passation des marchés a toute la latitude d'effectuer une réduction des prix de marchandises ou de services sujets d'ajustement.

(b) Iyo ifaranga ryakoreshejwe mu masezerano ritandukanye n'iry'igihugu cy'inkomoko y'imibare yerekana ihinduka ry'ikiguzi cy'abakozi n'ibikoresho, hakoreshwa umubare wo guhuza ayo mafaranga yombi. Uwo mubare ushingira ku igereranya ry'ayo mafaranga yombi ku itariki fatizo no ku itariki yo guhindura ibiciro bisobanurwa muri iyi ngingo.

(b) If the currency in which the Contract Price P_0 is expressed is different from the currency of origin of the labour and material indices, a correction factor will be applied to avoid incorrect adjustments of the Contract Price. The correction factor shall correspond to the ratio of exchange rates between the two currencies on the base date and the date for adjustment as defined above.

(b) Si la monnaie dans laquelle le prix P_o est exprimé est différente de celle du pays d'origine de la main d'œuvre et des indices de matériaux Le facteur de correction doit être utilisé afin d'éviter des ajustements inexacts du prix du contrat. Le facteur de correction doit correspondre au rapport des taux de change entre les deux monnaies à la date de base et à la date d'ajustement tel que cela est spécifié dans cet article.

(c) Nta hinduka ry'ibiciro ribaho kuri avansi yo gutangira imirimo ihabwa uwegukanye isoko.

(c) No price adjustment shall be payable on the portion of the Contract Price paid to the Supplier as advance payment.

(c)Aucun ajustement des prix n'est payable proportionnellement au montant payé au titulaire en guise d'avance de démarrage

<u>Ingingo ya 33</u> : Uburenganzira n'ibisabwa mu birebana no kureba inyandiko zerekeye isoko

<u>Article 33:</u> Rights and conditions of accessibility of tender documents

<u>Article 33</u> : Droits et conditions d'accès aux archives des marchés publics

Inyandiko zose ku itangwa ry'amasoko ya Leta zishobora kurebwamo aho zibitse n'umuntu wese ubishaka.

All tender documents on public procurement may be consulted from where they are kept by any person who so wishes.

Tous les documents relatifs aux marchés publics peuvent être consultés là où ils sont gardés par toute personne qui en exprime le souhait.

Umuntu wese ubishaka ashobora guhabwa kopi y'izo nyandiko abanje kwerekana urupapuro yishyuriyeho amafaranga urwego rubitse izo nyandiko rwamutegetse kwishyura. Ayo mafaranga agomba kuba ahwanye n'amafaranga yo gukora iyo kopi ikenewe.

Any person wishing to obtain a copy of those documents shall be allowed to do so upon presentation of a prepaid slip of the amount requested by the entity keeping them. The amount required shall be proportionate to the value spent for the preparation of such a copy.

Toute personne qui désire obtenir une copie de ces dossiers est autorisée de l'obtenir sur présentation d'un bordereau de paiement du montant exigé par l'entité de passation des marchés qui les garde. Ce montant doit être proportionné à la valeur dépensée pour faire les copies du document demandé.

Uko byagenda kose, nta muntu ushobora kwerekwa cyangwa guhabwa kopi y'inyandiko y'ipiganwa itari iye cyangwa ngo yerekwe cyangwa ngo ahabwe kopi y'ibindi amategeko atemera.

However, no body shall be shown or be provided with a copy of a bid other than his/her own and any other document prohibited by law.

Personne, cependant, ne peut avoir accès au dossier ni recevoir une copie d'une soumission qui n'est pas sienne ni avoir accès à tout document ni en recevoir une copie en violation de la loi.

<u>Ingingo ya 34</u>: Amafaranga yo gutanga ikirego

<u>Article 34:</u> Appeal fee

<u>Article 34</u> : Des frais de recours

Uwapiganwe ushaka gutanga ikirego ku Kanama k'ubujurire kigenga abanza kuriha umubare w'amafaranga uhwanye n'amafaranga y'u Rwanda, adasubizwa, ibihumbi mirongo itanu (50 000 FRw) ku masoko afite agaciro katarengeje miliyoni makumyabiri (20 000 000 FRw). Naho ku masoko afite agaciro karengeje miliyoni makumyabiri (20 000 000 FRw), amafaranga yo gutanga ikirego ni ibihumbi ijana (100 000 FRw).

Any bidder wishing to lodge a complaint to the Independent Review Panel shall be required to pay a non refundable fee equivalent to fifty thousand (Rwf 50,000) Rwanda francs for tenders whose amount does not exceed twenty million Rwanda francs (Rwf 20,000,000) while for tenders whose value is over twenty million Rwanda francs (Rwf 20,000,000) the fee for review shall be one hundred thousand Rwanda francs (Rwf 100,000).

Tout soumissionnaire désireux de faire recours au Comité Indépendant de Recours est tenu de payer un montant non remboursable de cinquante mille francs rwandais (50 000 FRw) pour les marchés dont la valeur n'excède pas vingt millions de francs rwandais (20 000 000 FRw) tandis que les marchés dont la valeur dépasse vingt millions de francs rwandais, les frais de recours sont de cent mille de francs rwandais (100 000 FRw).

Amafaranga yo gutanga ikirego atangwa mu isanduku ya Leta iyo ari ubujurire ku kanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'Igihugu naho amafaranga yo gutanga ikirego ku kanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'akarere atangwa mu karere karebwa n'icyo kibazo.

The fee for appeal shall be paid into the government treasury if the appeal is to the Independent Review Panel at the National level, whereas when it is about a review at the District level, the fee for appeal shall be paid to the district concerned.

Les frais de recours sont payés au trésor public si le recours s'adresse au Comité Indépendant de Recours au niveau national, tandis que pour le Comité de recours au niveau des Districts, les frais de recours sont payés au District concerné.

Ingingo ya 35: Abagize utunama twigenga tw'ubujurire

Utunama tw'ubujurire twigenga tugizwe n'abantu batanu (5) batoranywa mu nzego za Leta, mu bikorera ku giti cyabo, no mu miryango itegamiye kuri Leta. Igihe cyose abahagarariye inzego za Leta ntibagomba kurenga abantu babiri (2).

Abagize akanama n'abatemerewe kujya mu kanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta kimwe n'abakozi n'abagize inama y'ubutegetsi ya "RPPA" ntibemerewe kujya mu kanama k'ubujurire kigenga.

Article 35: Composition of Independent Review Panels

Independent review panels shall be composed of five (5) persons selected from the public service, private sector and civil society. The representatives of public services shall not be more than two (2) persons.

Members of the tender committees as well as those people not authorized to be members of those committees, staff and members of "RPPA" Board of Directors shall not be allowed to be members of the Independent Review Panels.

Article 35 : Composition des Comités Indépendants de Recours

Les Comités Indépendants de Recours sont composés de cinq (5) personnes désignées parmi les organes de l'Etat, du secteur privé et de la société civile. En aucun cas, le comité de recours ne comptera plus de deux (2) membres des organes de l'Etat.

Les membres des Comités de passation des marchés ainsi que les personnes ne pouvant pas être membres de ces comités, le personnel et les membres du Conseil d'Administration de RPPA ne sont pas autorisés d'être membres des Comités Indépendants de Recours.

Ingingo ya 36: Kwakira ubujurire

Kugira ngo ubujurire bwakirwe bugomba

Article 36: Acceptance of the request for review

The request for review shall be acceptable

Article 36 : Recevabilité de recours

Pour être recevable, tout recours doit

kuba bugaragaza neza ibikorwa byihariye byirengagijwe cyangwa byakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa andi mabwiriza agenga amasoko. Ujurira agomba kwerekana akarengane kagaragara yatewe n'icyemezo akemanga kandi ubujurire butangwa igihe cyose mu nyandiko.

if it explains a specific act of omission or commission contravening the law on public procurement or other procurement regulations. The complainant shall show the injustice committed against him/her resulting from the contested decision and the appeal shall be done in writing.

préciser un fait ou un manquement à l'encontre de la loi ou de toute autre réglementation relative à la passation des marchés publics. Le requérant doit montrer l'injustice commise à son égard relevant de la décision contestée et tout recours doit être fait par écrit.

<u>Ingingo 37</u> : Ibyo inyandiko y'ubujurire ikwiye kugaragaza

Inyandiko y'ubujurire ikwiriye kugaragaza nibura ibi bikurikira:

1º Umwirondoro w'ujurira: amazina y'umuntu n'izina ry'ubucuruzi cyangwa izina rya sosiyeti n'iry'uyihagarariye, aho abarizwa, nomero ya telefoni;

2º Umwirondoro w'urwego rutanga isoko;

3º Icyemezo kijuririrwa;

4º Igihe icyemezo kijuririrwa cyafatiwe n'igihe ujurira yamenyeye ko icyo cyemezo cyafashwe;

<u>Article 37</u>: Contents of the request for review

The request for review shall include the following:

1° Identification of the complainant: names address and telephone number;

2° Identification of the procuring entity;

3° Decision against which the review is requested;

4° Date on which the decision was taken and when the complainant became aware of it;

<u>Article 37</u> : Contenu du recours

Tout recours doit comprendre les aspects suivants :

1° Identification du requérant : noms, nom commercial ou nom de la société et son représentant légal, adresse, numéro de téléphone;

2° Identification de l'entité de passation des marchés ;

3° Décision contre laquelle le recours est formé ;

4° Date de la décision et celle à laquelle le requérant en a été notifié;

5º Urwego rujuririrwa;	5° The organ to which the review is addressed;	5° Organe auquel le recours est adressé ;
6º Umukono cyangwa igikumwe cy'utanze ubujurire;	6° Signature or thumb print of the applicant;	6° Signature ou l'empreinte digitale du requérant ;
7º Icyemezo cy'uko yishyuye amafaranga yishyurwa n'utanga ikirego;	7◦ Payment slip for appeal fee	7° Preuve de paiement des frais de consignation par le requérant ;
8º Kopi y'icyemezo cy'ubucuruzi.	8◦ Copy of trading licence	8° Copie du registre de commerce.

Ingingo 38 : Inshingano z'umukozi uhoraho w'akanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'igihugu	**Article 38: Duties of the full time officer of the Independent Review Panel at the national level**	**Article 38 : Tâches de l'agent permanent du Comité Indépendant de Recours au niveau national**
Inshingano z'umukozi uhoraho w'akanama kigenga k'ubujurire ku rwego rw'igihugu ni izi zikurikira:	The duties of the full time officer of the Independent Review Panel at the national level shall be the following:	Les tâches de l'agent permanent du Comité Indépendant de Recours au niveau national sont les suivantes :
1º kwakira inyandiko y'ubujurire;	1° Receiving the requests for review;	1° Réceptionner les requêtes de recours ;
2º kwandika ubujurire mu gitabo cyabugenewe no guha nomero inyandiko y'ubujurire;	2° Recording the requests for review in the register provided for that purpose and giving a number to each of them;	2° Enregistrer les requêtes dans le registre prévu à cet effet et attribuer un numéro à chacune de ces requêtes ;
3º gutegura no kwegeranya amadosiye ya ngombwa ngo akanama kigenga k'ubujurire gashobore gukora;	3° Preparing all documents that are necessary for the activities of the Independent Review Panel;	3° Préparer tous les dossiers nécessaires pour les activités du Comité Indépendant de recours ;
4º gutegura ubutumire bw'abagomba kugira icyo babazwa n'akanama;	4°Preparing summons or invitations to people to be interviewed by the panel;	4° Préparer les assignations ou invitations destinées aux gens à être interrogé par le Comité Indépendant de Recours ;

5º kuba umwanditsi w'Akanama Kigenga k'Ubujurire.

Ingingo ya 39 : Kugena no kumenyesha umunsi wo gusuzuma ubujurire

Iyo umukozi uhoraho w'akanama kigenga k'ubujurire amaze kwakira no kwandika inyandiko y'ubujurire mu gitabo cyabugenewe, yoherereza iyo nyandiko y'ubujurire abagize akanama kigenga k'ubujurire maze Perezida w'akanama akamumenyesha umunsi wo gutumira abagize akanama kugira ngo basuzume ubujurire.

Ingingo ya 40 : Itangwa ry'inyandiko zerekeye isoko

Urwego rwafashe icyemezo kijuririrwa rugomba guha akanama k'ubujurire ku rwego rw'Igihugu inyandiko zose zerekeye isoko karusaba mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi yuzuye hagati y'umunsi urwo rwego rwaboneye urwandiko rw'akanama kigenga k'ubujurire kabisaba n'umunsi inyandiko zisabwa zigomba gutangirwaho.

5° Acting as the secretary to the Independent Review Panel.

Article 39 : Fixing the date and invitation for review

When the permanent officer of the Independent Review Panel has received the request for review and recorded it in the register, he/she shall forward it to the Independent Review Panel members and the Chairperson of the panel shall inform him/her of the date for convening the panel members to examine the request.

Article 40 : Providing documents related to the tender

The procuring entity that has taken the decision relating to the request for review shall provide the Independent Review Panel at the national level with all the required documents on the tender contract within five (5) complete days from the date on which the entity concerned received the letter of the Independent Review requesting for it to that of deposit of the required documents.

5° Assurer le secrétariat du Comité Indépendant de Recours.

Article 39 : Fixation et communication de la date d'examen du recours

Lorsque l'agent permanent du Comité Indépendant de Recours a reçu la requête de recours et l'a enregistrée, il doit l'envoyer aux membres du Comité Indépendant de Recours et le Président lui communique la date d'inviter les membres du Comité pour procéder à l'examen de la requête en question.

Article 40 : Remise des dossiers en rapport avec le marché

L'entité de passation des marchés qui a pris la décision objet de la requête doit fournir au Comité Indépendant de Recours au niveau national tous les dossiers en rapport avec le marché endéans cinq (5) jours francs entre la date de la réception de la lettre du Comité le lui demandant et date de remise des dossiers.

Iminsi ivugwa mu gika kibanziriza iki ihinduka itatu (3) y'akazi yuzuye iyo inzego zirebwa n'ubujurire ziri mu Mujyi wa Kigali n'uturere tuwugize cyangwa ari Akanama k'ubujurire ku rwego rw'Akarere kazisabye Akarere.

The number of days mentioned in the previous Paragraph shall be three (3) complete days if the entities concerned by the review are those within Kigali City or requested by a District Independent Review to a district.

Le nombre de jours stipulés dans l'alinéa précédent est de trois (3) jours francs si les entités concernées par le recours sont dans la Ville de Kigali ou si les dossiers sont demandés par le Comité Indépendant de District à un District.

Ingingo 41: Ifatwa ry'ibyemezo by'akanama k'ubujurire

Article 41: Decision taking

Article 41 : Prise de décisions

Kugira ngo Akanama kigenga k'ubujurire gaterane ku buryo bwemewe, hagomba kuba hari nibura 2/3 by'abakagize.

The quorum required for the Independent Review Panel to make valid resolutions shall be at least two thirds (2/3) of all members.

Le quorum requis pour la validité des décisions prises par le Comité Indépendant de Recours est d'au moins les deux tiers (2/3) de tous les membres.

Ifatwa ry'ibyemezoby'akanama kigenga k'ubujurire rishingira ku bigize dosiye y'isoko ryapiganiwe no ku mategeko agenga amasoko ya Leta kandi nta kubogama kubayeho.

The decisions to be taken by the Independent Review Panel shall take into account all the aspects of the tender documents and the law and regulations governing public procurement in an impartial manner.

Les décisions du Comité Indépendant de Recours sont prises d'une façon impartiale sur base des dossiers relatifs aux marchés en question et conformément à la loi et à la réglementation régissant les marchés publics.

Ingingo 42: Igongana ry'inyungu mu bujurire

Article 42: Conflict of interests

Article 42 : Conflit d'intérêts

Iyo umwe mubagize akanama kigenga k'ubujurire kigenga k'ubujurire ariwe wajuriye, abandi bagize akanama nibo basuzuma ubujurire nyirubwite ahejwe kugeza igihe icyemezo gifatiwe.

When a member of the Independent Review Panel has applied for review, he/she will not take part in the deliberations on the request until the decision thereof has been taken.

Lorsque un membre du Comité Indépendant de Recours a fait le recours, il ne doit pas participer aux délibérations de ce recours jusqu'à ce que la décision y relative soit prise.

Iyo umwe mubagize akanama kigenga k'ubujurire afitanye isano iyo ariyo yose cyangwa ubwumvikane buke n'uwajuriye, yandikira akanama akamenyesha icyo kibazo akanagasaba kwiheza muri ubwo bujurire.

If a member of the Independent Review Panel has any relationship or misunderstanding with the complainant, the former shall inform, in writing, the Panel of the issue and request for not taking part in the review proceedings.

Si un membre du Comité Indépendant de Recours a une relation avec le requérant ou s'il y a une mésentente entre eux, il doit en informer les membres du Comité et demander de ne pas participer à l'examen du recours.

Ingingo ya 43: Gutangaza ibyemezo by'Akanama k'Ubujurire

Ibyemezo by'Akanama Kigenga k' Ubujurire bimemenyeshwa rubanda. Bishyirwa ku rubuga rwa Interineti rw'urwego rutanga isoko, ku rubuga rwa Interineti rwa RPPA ndetse bikamanikwa no ku biro by'urwo rwego.

Article 43: Publication of the decisions of the Independent Review Panel

The decisions of the Independent Review Panel shall be published. They shall be posted on the internet of the procuring entity, posted on the RPPA internet and displayed on the procuring entity's notice board.

Article 43 : Publication des décisions des Comités Indépendants de Recours

Les décisions du Comité Indépendant de Recours sont portées à la connaissance du public. Elles sont affichées à la fois sur le site Internet et sur le tableau d'affichage de l'entité de passation des marchés, sur le site Internet de RPPA.

Ingingo ya 44: Raporo y'Akanama Kigenga k'Ubujurire

Akanama Kigenga k'Ubujrire ku rwego rw'igihugu gaha raporo y'igihembwe Minisitiri ufite amasoko ya Leta mu nshingano ze kakagenera kopi RPPA. Akanama Kigenga k'Ubujurire ku rwego rw'Akarere gaha iyo raporo Inama Njyanama y'Akarere kakagenera kopi RPPA.

Article 44: Independent Review Panel's Report

The Independent Review Panel at the National Level shall give quarterly reports to the Minister in charge of public procurement while the Independent Review Panel at the District level shall give such reports to the District Council. Such reports shall be copied to RPPA.

Article 44 : Rapport du Comité Indépendant de Recours

Le Comité Indépendant de Recours au niveau national transmet son rapport trimestriel d'activités au Ministre ayant les marchés publics dans ses attributions et réserve une copie au RPPA. Tandis que le Comité Indépendant de Recours au niveau du District transmet son rapport trimestriel au Conseil du District et réserve une copie au RPPA.

<u>Ingingo ya 45</u>: Igenzurwa ry'utunama tw'ubujurire twigenga	**<u>Article 45</u>: Audit of the Independent Review Panels**	**<u>Article 45</u> : Audit des Comités Indépendants de Recours**
Utunama twigenga tw'ubujurire tugenzurwa na RPPA.	The Independent Review Panels shall be audited by RPPA.	Les Comités Indépendants de Recours sont audités par l'Office National des Marchés Publics (RPPA).
Hatabangamiwe ibivugwa muri iyi ngingo, mu gihe RPPA igifite inshingano yo gutanga amasoko y'izindi nzego za Leta, Akanama k'Ubujurire Kigenga ku Rwego rw'Igihugu kagenzurwa n' Umugenzuzi Mukuru w'Imali ya Leta cyangwa umugenzuzi wigenga ushyirwaho na Minisitiri ufite amasoko ya Leta mu nshingano ze.	Without prejudice to the provisions of this Article, as long as RPPA still engages in tendering operations on behalf of procuring entities, the independent Review Panel at the national level shall be audited by the Auditor General or an Independent Auditor appointed by the Minister in charge of public procurement.	Sans préjudices aux dispositions du présent article, aussi longtemps que l'Office National des Marchés Publics sera encore engagé dans les opérations de passation des marchés publics pour le compte des entités de passation des marchés, le Comité Indépendant de Recours au niveau national sera audité par l'Auditeur Général ou par un Auditeur Indépendant nommé par le Ministre ayant les marchés publics dans ses attributions.
<u>Ingingo ya 46</u>: Umugereka	**<u>Article 46</u>: Annexe**	**<u>Article 46</u> : Annexe**
Umugereka w'iri teka ugaragaza ubwoko bw'ibitabo ngenderwaho by'amabwiriza agenga amapiganwa mu Rwanda.	The annex to this Order determine the standard bidding documents for public pro in Rwanda	L'annexe au présent arrêté indique les dossier type d'appel d'offres des marchés publics au Rwanda.
<u>Ingingo ya 47</u> : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iteka	**<u>Article 47:</u> Repealing of inconsistent provisions**	**<u>Article 47</u> : Disposition abrogatoire**
Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.	All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.	Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

<u>Ingingo ya 48 :</u> Igihe iteka ritangira gukurikizwa	**<u>Article 48:</u> Commencement**	**<u>Article 48</u>: Entrée en vigueur**
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
Kigali, ku wa 16/01/2008	Kigali on 16/01/2008	Kigali, le16/01/2008
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi **MUSONI James**	The Minister of Finance and Economic Planning **MUSONI James**	Le Ministre des Finances et de la Planification Economique **MUSONI James**
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :	**Seen and sealed with the Seal of the Republic**	**Vu et scellé du Sceau de la République**
Intumwa Nkuru/ ya Leta Minisitiri w'Ubutabera **KARUGARAMA Tharcisse**	The Attorney General /Minister of Justice **KARUGARAMA Tharcisse**	Le Garde des Sceaux/Ministre de la Justice **KARUGARAMA Tharcisse**

Umugereka w'iteka rya Minisitiri n°001/08/10 ryo ku wa 16/01/2008 rishyiraho amabwiriza agenga amasoko ya Leta n'ibitabo ngenderwaho by'amabwiriza agenga ipiganwa.	**Annexes to the Ministerial Order n°001/08/10/MIN of 16/01/2008 establishing regulations on public procurement and standard bidding documents.**	**Annexes à l'Arrêté Ministériel nº001/08/10/MIN du 16/01/2008 portant réglementation des marchés publics et dossiers d'appels d'offre type.**
Umugereka **A :** Igitabo Ngenderwaho cy'amabwiriza agenga ipiganwa ry'ibigemurwa ;	Annex **A :** Standard bidding document for goods;	Annexes **A** : Dossier type d'appel d'offres relatif aux marchés de fournitures
Umugereka **B :** Igitabo Ngenderwaho cy'amabwiriza agenga ipiganwa ry'imirimo mito;	Annex **B :** Standard bidding document for small works;	Annexe **B** : Dossier type d'appel d'offres relatif aux marchés de petits travaux
Umugereka**C :**Igitabongenderwahocy'amabwiriza agenga ipiganwa ry'imirimo minini;	Annex **C:** Standard bidding document for large works	Annexe **C** : Dossier type d'appel d'offres relatif aux marchés de grands travaux
Umugereka **D:** Igitabo ngenderwaho cy'amabwiriza agenga ipiganwa rya serivisi nto z'impuguke;	Annex **D:** Standard request for proposals for small consultant services	Annexe **D** : Dossier type de demandes de propositions relatif aux marchés de petits services de Consultants ;
Umugereka **E**: Igitabo ngenderwaho cy'amabwiriza agenga ipiganwa rya serivisi nini z'impuguke.	Annex **E:** Standard request for proposals for large consultant services	Annexe **E** : Dossier type de demandes de propositions relatif aux marchés de grands services de Consultants
Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'iteka rya Minisitiri n°001/08/10 ryo ku wa 16/01/2008 rishyiraho amabwiriza agenga amasoko	**Seen to be attached to ministerial Order n°001/08/10/MIN of 16/01/2008 establishing regulations on public procurement and standard bidding**	**Vu pour être annexés à l'Arrêté Ministériel nº001/08/10/MIN du 16/01/2008 portant réglementation des marchés publics et dossiers d'appels**

ya leta n'ibitabo ngenderwaho by'amabwiriza agenga ipiganwa	**documents**	**d'offres types**
Kigali, ku wa 16/01/2008	Kigali on 16/01/2008	Kigali, le 16/01/2008
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi **MUSONI James**	The Minister of Finance and Economic Planning **MUSONI James**	Le Ministre des Finances et de la Planification Economique **MUSONI James**
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:	**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**	**Vu et scellé du Sceau de la République**
Intumwa Nkuru ya Leta / Minisitiri w'Ubutabera **KARUGARAMA Tharcisse**	The Attorney General / Minister of Justice **KARUGARAMA Tharcisse**	Le Garde des Sceaux/Ministre de la Justice **KARUGARAMA Tharcisse**